

RWANDA / JUDGMENT

ZIMURINDA v. MUSABYIMANA N'ABANDI**RCAA 00003/2023/CA****COURT**

Court of Appeal

DECIDED

28 November 2025

CASE / FILE NUMBER

RCAA 00003/2023/CA

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

ZIMURINDA v. MUSABYIMANA N'ABANDI

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2025-11-28
- Case/document no.: RCAA 00003/2023/CA
- Collection: Court of Appeal

Text**Page 1**

ZIMURINDA v. MUSABYIMANA N'ABANDI [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCAA 00003/2023/CA, (Kamere, P.J.) 28 Ugushyingo 2025] Amasezerano – Amasezerano y'ubwumvikane – Amasezerano y'ubwumvikane agira agaciro iyo ashyizweho umukono n'ababuranyi bose, akaba akemuye ibibazo byose bari bafitanye, asoza urabanza, akaba kandi agomba kubahirizwa. Incamake y'ikibazo: Bizimungu Daniel, Kabataka Fulgence na Dushimimana Immaculée bareze mu rukiko Rwisumbuye rwa Karongi Musabyimana Chrisostome izungura ry'isambu ya nyirarume Bufigi, ifite agaciro k'amafaranga 127,024,299 hamwe n'indishyi zingana n'amafaranga 25,000,000. Muri uru rubanza harezwe kandi Mutabaruka Rosette, Mutabaruka Dieudonné, Ngendahayo Fils Mutabaruka Espérée, Mutabaruka Gracia, Mutabaruka Clementine, Mutabaruka Victoire, Mukabarema, hanagoboka Nyirimanzi Mathias, KOPERATIVE KOAIM, na Ntabanganyimana Justin. Basobanuye ko Musabyimana Chrisostome, Bizimungu daniel, Kabataka Fulgence bavukana kuri se Kajuga na nyina Nyiramajangwe. Bizimungu akaba yararegaga Musabyimana Chrisostome ko yagiye kuburana imitungo ya nyirarume witwa Bufigi uvukana na Nyiramajangwe, nyina ubabyara ayiburanira umuryango, ngo arangije kuyitsindira ayigira iye. Mu rubanza hagobokeshejwemo abagiye bagura na Musabyimana barimo

Nyirimanzi, Cooperative yitwa KOAIM SURE na Ntabanganyimana, bo bavuga ko baguze nta buriganya babona umutungo ari uwe. Urukiko Rwisumbuye rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego cya Bizimungu Daniel, Dushimimana Immaculée na Kabataka Fulgence cyakiriwe kandi gifite ishingiro, bityo ko isambu Musabyimana yatsindiye mu rubanza RCA 229/73/2002, yaburanye na Kaperu nyinawabo, aburana inyungu za nyina Nyiramajangwe agatsinda, imitungo atunze akomora kuri uru rubanza agomba kuyigabana n’abo bavukana kuri Nyiramajangwe ku buryo bungana. Rwemeje ko abantu baguze ubutaka na Musabyimana Chrisostome bakaba baranagobotse muri uru rubanza, bafite ibikorwa kuri ubu butaka bwari butunzwe na Musabyimana Chrisostome, bagomba kubugumana, hakarebwa niba hataba hangana n’umugabane Musabyimana yabona bagabana, haba hato agasubiza amafaranga agaragara mu cyemezo cy’igenagaciro aba batsinze bakoresheje rya mbere, agasubizwa umuryango wa Nyiramajangwe.

Rwategetse ko ubu butaka Musabyimana yari atunze bugabanwa, aho badashobora kugabana mu buryo buringaniza cyangwa se amategako atemera ko hacibwaho uduce, bakaba badashobora no kuhatungira hamwe; hakagurishwa amafaranga avuye akaba ariyo agabanwa.

Page 2

Rwemeje kandi ko indishyi mbonezamusaruro Bizimungu Daniel yasabye atabashije kuzisobanura, bityo akaba ntazo yemerewe. Musabyimana Chrisostome ntiyishimiye icyemezo cy’urukiko ajuririra mu Rukiko Rukuru Urugereko rwa Rusizi, anenga ko urukiko rwaciye urubanza rushingiye ububasha bwarwo ku mitungo adafite. Urukiko Rukuru Urugereko rwa Rusizi rwemeje ko ikirego cya Mukamugema Feresita gifite ishingiro Zimurinda Charles ntiyishimiye imikirize y’urwo rubanza ayijuririra mu Rukiko rw’Ubujurire, ababuranyi baritabye kandi bunganiwe nka mbere, bemeranwa n’Urukiko ko hahita hatangira kugeragezwa inzira yo gukemura mu bwumvikane amakimbirane bafitanye, kandi umucamanza wagombaga kubaburanisha abibabera umuhuza. Ku wa 07/11/2025, ubuhuza bwakomereje ku cyicaro cy’Urukiko buyobowe n’umucamanza, hari ababuranyi bose uretse uhagarariye KOAIMU SURE wari urwaye. Kuri uwo munsu ababuranyi bageze ku bwumvikane ku ngingo zose zaburanwagaho muri uru rubanza maze hamwe n’umuhuza abitabiriye ubuhuza bose kuri uwo munsu bashyira umukono ku nyandiko yiswe “Inyandiko y’ubwumvikane mu buhuza burangiza urubanza RCAA 00003/2023/CA. Muri ayo masezerano ababuranyi bumvikanye ko Zimurinda yemeye guha umuryango wa Mushirarungu uhagarariye na Kandamutsa Beata amafaranga miliyoni enye z’amafaranga y’u Rwanda (4.000.000Frw), akanatanga umurima uzahabwa umukobwa wa mukuru we witwa Nyiranshimiyimana Esperance, bitarenze tariki 05/04/2026. Muri aya masezerano kandi humvikanwe ko ubu bwumvikane busoje burundu imanza zari zishingiye kw’izugura ry’isambu ya Bufigi ari zo: RCAA 00003/2023; RC 00001/2021/HC/RSZ; RC 00039/2019/HC/RSZ; RC 00056/2018/TGI/KNG na RC 7256/R31-RCA 0217/04/TP/KBY. Urukiko rwamenyeshereje ababuranyi ahabugenewe muri sisitemu ya IECMS ko isomwa mu ruhame ry’icyemezo gisoza uru rubanza rishyizwe ku wa 28/11/2025. Hasuzumwe ikibazo cyo Kumenya niba Urukiko rwaha agaciro amasezerano y’ubwumvikane mu buhuza bwabaye ku wa 07/11/2025 hagati y’ababuranyi bose muri uru rubanza. Incamake y’icyemezo: Amasezerano y’ubwumvikane agira agaciro iyo

ashyizweho umukono n'ababuranyi bose, akaba akemuye ibibazo byose bari bafitanye, asoza urabanza, akaba kandi agomba kubahirizwa.

Ubwumvikane bwasojwe bunashyirwaho umukono ku wa 07/11/2025 hagati y'ababuranyi bose muri uru rubanza busoje burundu urubanza RCAA 00003/2023/CA.

Amategako yashingiweho:

Page 3

Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 64. Nta manza zifashishijwe.

Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Urubanza rwatangiriye mu rukiko Rwisumbuye rwa Karongi, Bizimungu Daniel, Kabataka Fulgence na Dushimimana Immaculée barega Musabyimana Chrisostome izungura ry'isambu ya nyirarume Bufigi, ifite agaciro k'amafaranga 127,024,299 hamwe n'indishyi zingana n'amafaranga 25,000,000. Muri uru rubanza harezwe kandi Mutabaruka Rosette, Mutabaruka Dieudonné, Ngendahayo Fils Mutabaruka Esperée, Mutabaruka Gracia, Mutabaruka Clementine, Mutabaruka Victoire, Mukabarema, hanagoboka Nyirimanzi Mathias, KOPERATIVE KOAIM, na Ntabanganyimana Justin. [2] Basobanuye ko Musabyimana Chrisostome, Bizimungu daniel, Kabataka Fulgence bavukana kuri se Kajuga na nyina Nyiramajangwe. Bizimungu akaba yararegaga Musabyimana Chrisostome ko yagiye kuburana imitungo ya nyirarume witwa Bufigi uvukana na Nyiramajangwe, nyina ubabyara ayiburanira umuryango, ngo arangije kuyitsindira ayigira iye. [3] Mu rubanza kandi bareze n'abana b'umuvandimwe wabo Mutabaruka, ariko nabo nubwo basa n'abaregwa bavuga ko Musabyimana Chrisostome abahuguza ko bakabaye bose bagabana. Musabyimana Chrisostome yaburanye avuga ko isambu ari iye kuko imwanditseho kandi ko ikomoka kuri nyirarume Bufigi, bose ngo akaba ntawe ufite uburenganzira bwo kumuzungura, kuko yazunguwe, isambu afite rero ngo nawe yayikomoye ku bazungura ba Bufigi, ngo ntiyayibonye kubera nyina. [4] Mu rubanza hagobokeshejwemo abagiye bagura na Musabyimana barimo Nyirimanzi, Cooperative yitwa KOAIM SURE na Ntabanganyimana, bo bavuga ko baguze nta buriganya babona umutungo ari uwe, ko barenganurwa. [5] Urukiko Rwisumbuye rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego cya Bizimungu Daniel, Dushimimana Immaculée na Kabataka Fulgence cyakiriwe kandi gifite ishingiro, ko isambu Musabyimana yatsindiye mu rubanza RCA 229/73/2002, yaburanye na Kaperu nyinawabo, aburana inyungu za nyina Nyiramajangwe agatsinda, imitungo atunze akomora kuri uru rubanza agomba kuyigabana n'abo bavukana kuri Nyiramajangwe ku buryo bungana; ni ukuvuga Bizimungu Daniel, Dushimimana mu mwanya wa Kanyange uvukana n'aba ba Bizimungu, Kabataka Fulgence, Nyiranshuti Belansira mu mwanya wa Kayumba uvukana na Bizimungu, Musabyimana Chrisostome na Mutabaruka uhagariwe n'umuryango we. Rwemeje ko abantu baguze ubutaka na Musabyimana Chrisostome bakaba baranagobotse muri uru rubanza, bafite ibikorwa kuri ubu butaka bwari butunzwe na Musabyimana Chrisostome, bagomba kubugumana, hakarebwa niba hataba hangana n'umugabane Musabyimana yabona bagabana, haba hato agasubiza amafaranga agaragara mu cyemezo cy'igenagaciro aba batsinze bakoresheje rya mbere (ryo mu kwezi kwa 04/2017), agasubizwa umuryango wa Nyiramajangwe.

Page 4

Rwategetse ko ubu butaka Musabyimana yari atunze bugabanwa, aho badashobora kugabana mu buryo burunganira cyangwa se amategako atemera ko hacibwaho uduce, bakaba badashobora no kuhatungira hamwe; hakagurishwa amafaranga avuye akaba ariyo agabanwa. Rwemeje ko indishyi mbonezamusaruro Bizimungu Daniel yasabye atabashije kuzisobanura, akaba ntazo yemerewe. Rwategetse Musabyimana Chrisostome gusubiza Bizimungu Daniel n'abo ahagarariye, igarama batanze rya 20.000 frw. [6] Musabyimana Chrisostome ntiyishimiye icyemezo cy'urukiko ajuririra urukiko Rukuru Urugereko rwa Rusizi rukorera i Karongi, ikirego gihabwa RCA 00039/2019/HC/RSZ ,yajuriye anenga urubanza, ko urukiko rwaciye urubanza rushingiye ububasha bwarwo ku mitungo adafite, ngo abo baburana bagaragaje agaciro kangana n'amafaranga 127.024.299, mu kuburana urukiko ubwarwo rwemeza ko bimwe mubyo yarezwe hari abandi babitunze ndetse ko n'ibiri hejuru y'ubutaka ari ibyabo, ngo akaba asanga rwaragombaga gusuzuma ibyo akwiriye kwiregura ho, ngo kuko atari akwiye kwiregura ku mitungo y'abandi. [7] Ikindi ngo nuko igenagaciro yakoresheje rigaragaza ko imitungo iburanwa ifite agaciro k'amafaranga 12.732.000, ngo akaba asanga urubanza rwari gutangirira mu rukiko rw'Ibanze. Akomeza avuga ko anenga urubanza kandi ko urukiko mu kuburanisha rwahinduye icyaregowe, ngo abareze batanze ikirego cyo kuzungura isambu ya nyirarume Bufigi, mu isesengura ry'urubanza urukiko ruvuga ko akwiye kugabana n'abaregaga, ngo kandi atariwe muzungura wa Bufigi wazunguye iyo sambu. Avuga ko umuzungura wa Bufigi ari umwuzukuru we witwa Zimurinda akaba ari nawe wafashe inshingano zo kuzungura 100% uwo mutungo ngo kuko nta wundi wari imbere ye mu izungura. Na none kandi ngo mu rubanza rujuririrwa urukiko rwirengagije ibimenyetso yarugaragariye bigaragaza aho akomora amasambu atunze, n'ubusobanuro yatanze kubigendanye n'urubanza bavuze ko yaburanye ku giti cye no mu izina rye, ngo atanga n'igarama mu izina rye, ntawe ahagarariye, ibi ngo bikaba bitandukanye n'ibyavuzwe n'urukiko mu rubanza rujuririrwa aho rwavuze ko yari ahagarariye umuryango, nyamara ngo atari awuhagariye. Anenga kandi urubanza ko urukiko rwamuciye amafaranga kandi yaragurishije abavandimwe bareba, ngo ntibatambamira icyo gikorwa kugeza nubwo abo yagurishije bubatse ku butaka baguze nabwo nti babitambamira. [8] Mukamugema Feresita mwene Kajuga na Nyiramajangwe Adeline utari warabaye umuburanyi muri urwo rubanza, yaje kurutambamira avuga ko ashaka nawe umugabane akomora kuri nyina Nyiramajangwe Adeline, kuko ababuranye ziriya manza bamuheje ntibamumenyesha ko baburanye kuzungura umutungo wa nyina Nyiramajangwe Adeline. Avuga ko uru rubanza atigeze arumenya cyangwa ngo ababurana barumumenyeshe, kandi inyungu zaburanwaga ari iza nyina Nyiramajangwe, akaba nawe yari afite uburenganzira bungana n'abandi bakomoka kuri Nyiramajangwe, nyamara ubu burenganzira bwe ngo bwarabangamiwe kuko atamenyeshejwe urubanza bituma mu cyemezo cy'urukiko ntacyo yavuzweho. Avuga ko urubanza rwaciye kuwa 18/09/2020 arumenya kuwa 09/11/2020 aruko abonye umuhesha w'inkiko aje kurangiza urubanza rw'ibintu afitemo inyungu, yibaza ukuntu abantu bagiye kuburana bonyine umutungo bahuriyeho asanga ari ukumuvutsa uburenganzira bwe yemerwa n'amategeko. [9] Etienne Bikorimana wagobotse ku bushake yavuze ko muri izi manza zombi we n'abavandimwe be ahagarariye aribo Uzabumwana Fidele na Nyiramugisha Monique bari

Page 5

bahagariwe na nyina ubabyara ariwe Nyiranshuti Belancille, mu ntegura rubanza y'urubanza RC 00001/2021/HC/RSZ, Musabyimana Chrisostome ngo yatanze inzitizi avuga ko nyina ntaburenganzira afite bwo kuzungura, bibangombwa ko bagoboka kuko uburenganzira Mukamugema Feresita afite bungana n'ubwase Kayumba kuko ari umwana wa Nyiramajangwe. [10] Musabyimana Chrisostome yavuze ko imirima iburanwa atari iya nyina Nyiramajangwe, ahubwo ari iya Nyirarume witwaga Bufigi kuko mu manza zose zagiye zikomozwaho, baburanaga umutungo wa Nyirarume Bufigi, bityo ko urubanza rwatambamiwe rugomba guhinduka, bityo hakemezwa ko nta mutungo cyangwa imirima yo kuzungurwa yasizwe na Nyiramajangwe. [11] Uwagobokeshekwe ku gahato ariwe Zimurinda Charles akaba ariwe mwuzukuru rukumbi wa Bufigi kugeza ubu uzwi ko akiriho, nawe yunze murya Musabyimana Chrisostome, ndetse akavuga ko ibyasekuru yamaze kubishyikira ndetse akaba yarahembye Musabyimana Chrisostome imirima itandukanye kubera ko yamufashije kugaruza imirima ya sekuru. [12] Mukabarema Esperance nawe niko abyumva ariko asaba ko urukiko rubibonye ukundi hazakurikizwa izungura uko rikorwa. [13] Ntabanganyimana Justin, Nyirimanzi Mathias, bavuga ko baguze amasambu na Musabyimana Chrisostome abanje kubereka ko ariwe nyiri umutungo, bityo ko basaba ko bakomeza gutunga ariya masambu baguze nta buryarya. [14] Ku wa23/02/2023, Urukiko Rukuru Urugereko rwa Rusizi rwakijije ko:

- ikirego cya Mukamugema Feresita gifite ishingiro
- umutungo uburanwa ukomoka kuri Musaza ukaba uri mu Kagari ka Ruhinge, Umurenge wa Rukaragata, Akarere ka Rutsiro ugomba kugabanywamo kabiri mu buryo bungana abazungura ba Musaza aribo: Nyiramajangwe na Bufigi. -uruhare rwa Bufigi ruherera kuri Zimurinda Charles nk'umuzungura rukumbi uzwi wasigaye, uruhare rwa Nyiramajangwe rugaherera ku bazungura be, Musabyimana Chrisostome agomba kuyigabana n'abo bavukana kuri Nyiramajangwe ku buryo bungana aribo: Mukabarema, Kabataka Fulgence, Bizimungu Daniel, Mukamugema Feresita, mu mwanya wa Kayumba ni Etienne Bikorimana, Uzabumwana Fidele, Nyiramugisha Monique, mu mwanya wa Kanyange uvukana n'aba ba Bizimungu ni Dushimimana Immaculee na Mutabaruka Esperee n'abo ahagarariye aribo Mutabaruka Dieudonné, Mutabaruka Rosette, Mutabaruka Clementine, Mutabaruka Desiré, M Nyiramajangwe victoire, Mutabaruka Grasiya .
- abantu baguze ubutaka na Musabyimana Chrisostome, bafite ibikorwa kuri ubwo butaka bwari butunzwe na Musabyimana, bagomba kubugumana; hakarebwa niba hataba hangana n'umugabane Musabyimana yabona bagabana, yaba yaragurishije aharenze umugabane we, igice kirenzeho kigahabwa agaciro mu mafaranga, agasubizwa umuryango wa Nyiramajangwe, yaba aho yagurishije ari hato, agahabwa igice gisigaye. -muri ibyo byose aho badashobora kugabana mu buryo buringaniza cyangwa se amategeko atemera ko hacibwaho uduce, bakaba badashobora no kuhatungira hamwe; hagomba kugurishwa amafaranga avuyemo akaba ariyo agabanwa.

Page 6

-indishyi zasabwe n'impande ziburanwa ntazitanzwe kuko zitasobanuwe kandi no kuba buri ruhande rwagize ibyo rutsindira n'ibindi rutsindirwa. -ibyemejwe byose kumitungo yagaragajwe bitandukanye n'ibyemejwe n'uru rubanza biteshejwe agaciro. [15] Zimurinda Charles ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza ayijuririra mu Rukiko rw'Ubujurire, ubujurire bwe bwandikwa kuri RCA 00003/2023/CA. Mu iburanisha rya mbere ku wa 06/01/2025, Zimurinda Charles yunganiwe na Me Nsengiyumva Eugene, Me Rusagara Innocent ahagarariye Mukamugema Felicite na Mukabarema, Musabyimana Chrisostome yunganiwe na Me Niyonsaba Elie, Me Itangibihozo Zachee yunganiye Bikorimana Etienne wari unahagarariye Uzabumwana Fidele na Nyiramugisha Monique, yunganiye kandi Bizimungu Daniel wari unahagarariye Dushimimana Immaculee na Kabataka Fulgence, akanuganira Mutabaruka Esperee wari unahagarariye abandi bene Mutabaruka batanu; naho Ntabanganyimana Justin, Nyirimanzi Mathias na KOAIMU SURE batitabye. Iburanisha ryimuriwe ku wa 07/02/2025 kugira ngo abo Mutabaruka Esperee n'abo Bizimungu Daniel bahagarariye bitabe ubwabo, kandi abatitabye uko ari batatu bongere bahamagazwe, hazanageragezwe inzira yo gukemura ikibazo mu bwumvikane. [16] Ku wa 07/02/2025, ababuranyi baritabye kandi bunganiwe nka mbere, bemeranwa n'Urukiko ko hahita hatangira kugeragezwa inzira yo gukemura mu bwumvikane amakimbirane bafitanye, kandi umucamanza wagombaga kubaburanisha abibabera umuhuza. Uwo muni ubuhuza ntibwarangiye, bumvikana kuzabukomeza ku wa 07/03/2025, bongera guhura ku wa 11/04/2025, bwongera gusubukurwa mu baburanyi hiyongereyemo Kandamutsa Beathe wagobotse ku bushake kandi busozwa ku wa 07/11/2025, iteka ababuranyi bese bakenewe nk'uko byabaga byumvikanyweho bakaba barabaga bahari kandi bunganiwe na ba Avoka babo. Isomwa mu ruhame ry'icyemezo gisoza urubanza ryashyizwe ku wa 28/11/2025. [17] Ku wa 07/11/2025, ubuhuza bwakomereje ku cyicaro cy'Urukiko buyobowe n'umucamanza, hari ababuranyi bese uretse uhagarariye KOAIMU SURE wari urwaye. Kuri uwo muni ababuranyi bageze ku bwumvikane ku ngingo zose zaburanwagaho muri uru rubanza maze hamwe n'umuhuza abitabiriye ubuhuza bese kuri uwo muni bashyira umukono ku nyandiko yiswe "Inyandiko y'ubwumvikane mu buhuza burangiza urubanza RCAA 00003/2023/CA". Muri ayo masezerano yanashyizwe nyuma muri dosiye y'uru rubanza, ababuranyi bumvikanye ko Zimurinda yemeye guha umuryango wa Mushiharungu uhagarariwe na Kandamutsa Beata amafaranga miliyoni enye z'amafaranga y'u Rwanda (4.000.000Frw), akanatanga umurima uzahabwa umukobw wa mukuru we witwa Nyiranshimiyimana Esperance, bitarenze tariki 05/04/2026; Gukora umuhango w'ubwiyunge kandi bigakorerwa mu muryango haba ubusabane, umukobwa wabo Nyiranshimiyimana Esperance n'umugabo we bakazaza kwerekana abana bibarutse ndetse akaba ari wo muni azishyuriraho amafaranga yavuzwe haruguru akanatanga umurima uzajya uhingirwa abuzukuru bakomoka kuri Mushiharungu. Muri aya masezerano kandi humvikanwe ko ubu bwumvikane busoje burundu imanza zari zishingiye kw'izugura ry'isambu ya Bufigi ari zo: RCAA 00003/2023; RC 00001/2021/HC/RSZ; RC 00039/2019/HC/RSZ; RC 00056/2018/TGI/KNG na RC 7256/R31-RCA 0217/04/TP/KBY. Urukiko rwamenyeshereje ababuranyi ahabugenewe muri sisitemu ya IECMS ko isomwa mu ruhame ry'icyemezo gisoza uru rubanza rishyizwe ku wa 28/11/2025.

Page 7

II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYACYO

Kumenya niba Urukiko rwaha agaciro amasezerano y'ubwumvikane mu buhuza bwabaye ku wa 07/11/2025 hagati y'ababuranyi bose muri uru rubanza.

[18] Ingingo ya 9, igika cya 3, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu iteganya ibikurikira: “Umucamanza ashobora gushishikariza ababuranyi gukoresha ubwunzi iyo abona ko ari bwo buryo buboneye mu kurangiza impaka. Ashobora kubunga ubwe cyangwa akabohereza mu bwunzi, agasubika urubanza mu gihe ubwunzi burimo gukorwa”. [19] Ingingo ya 64 y'Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, iteganya ibikurikira: “Amasezerano akozwe ku buryo bukurikije amategeko aba itegeko ku bayagiranye. (...)”. [20] Nk'uko byasobanuwe haruguru, ku matariki atandukanye hagati y'ababuranyi bose muri uru rubanza habaye ubuhuzwa bwayobowe n'umucanza Kamere Emmanuel bihitiyemo, maze busozwa n'ubwumvikane bugaragara mu nyandiko y'amasezerano yavuzwe haruguru yashyizweho umukono ku wa 07/11/2025. [21] Ururukiko rurasanga nta mpamvu yatuma rudaha agaciro amasezerano y'ubwumvikane yashyizweho umukono ku wa 07/11/2025. Rusanze kandi aya masezerano akemuye ikibazo ababuranyi bari bamaranye igihe kinini, akaba asoje urubanza RCAA 00003/2023/CA rwari mu Rukiko rw'Ubujurire hagati y'ababuranyi bose ari bo: Zimurinda Charles, Musabyimana Chrisostome, Bizimungu Daniel, Dushimimana Immaculée, Kabataka Fulgence, Mukabarema Esperance, Mutabaruka Rosette, Mutabaruka Clementine, Mutabaruka Garasiya, Mutabaruka Victoire, Mutabaruka Dieudonne, Mutabaruka Esperée, Mutabaruka Desire, Ntabanganyimana Justin, Nyirimanzi Mathias, Mukamugema Felesita, KOAIM SURE, Bikorimana Etienne, Uzabumwana Fidele, Nyiramugisha Monique na Kandamutsa Beathe, kandi akaba agomba kubahirizwa n'impande zombi zayagiranye nk'uko biteganywa n'ingingo ya 64 y'Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano ryibukijwe haruguru. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [22] Rwemeje ko ubwumvikane bwasoje bukanashyirwaho umukono ku wa 07/11/2025 hagati y'ababuranyi bose muri uru rubanza busoje burundu urubanza RCAA 00003/2023/CA rwari mu Rukiko rw'Ubujurire, bukababugomba gushyirwa mu bikorwa. [23] Ruvuze ko amagarama yatanze muri uru rubanza ahwanye n'ibyarukozwemo.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/10502/11058>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/zimurinda-charles-v-musabyimana-chrisostome-inheritance-court-of-appeal-2025>

Prepared on 14 October 2026 · Esheria